/H.Em./NDZ.A./

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 05 JUIN 1985

No 2055 /15.00

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU
MOUVEMENT COOPERATIF
B. P. 1044 KIGALI

Monsieur l'Abbé Grégoire KAMUGISHA
Paroisse de GISAGARA
**B U T A R E**.-

Réf. N° :

Annexe :

Objet :

Monsieur l'Abbé,

J'ai reçu votre lettre du 22 Mai 1985 et vous remercie de votre aimable invitation à célébrer avec vous la Saint Charles LWANGA, l'Année Internationale de la Jeunesse et la Journée de l'Alphabétisation.

J'espère également qu'il me sera possible de participer personnellement à ces fêtes. Au cas où le calendrier de mes activités ne me le permettrait pas, je serai représenté par Monsieur HAKIZIMANA Protais, Chef de Division Formation à la Direction Générale de la Jeunesse.

Veuillez agréer, Monsieur l'Abbé, l'assurance de ma considération distinguée.

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

C.P.I. à :
Monsieur HAKIZIMANA Protais
Chef de Division Formation
à la Direction Générale de la
Jeunesse au MIJEUCOOP
**K I G A L I**.-

République Rwandaise
Préfecture de Butare
Commune Ndora.

La Paroisse de Gisagara le 22 Mai 1985

Relat. Pub.
Répondre si le calendrier de mes activités me le permet je célébrer là

Major Ndindiliyimana Augustin
Ministre de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif.

K I G A L I.

Monsieur le Ministre.

Le 30 Juin 1985, à 10h, la paroisse de Gisagara va célébrer la solennité d'une triple Fête, c'est-à-dire, les Martyrs de l'Uganda, dont St Charles Lwanga, Patron de l'Action Catholique en Afrique et Patron de la Jeunesse Africaine; l'Année Internationale de la Jeunesse, et La Journée d'Alphabétisation, au niveau de la paroisse.

On se souvient, sans doute, que l'an dernierj'ai p promis solennellement que la paroisse de Gisagara se disposait à faire tout son possible pour renforcer l'alphabétisation sur tout le territoire paroissial !!( 15 secteurs ).

Nous vous prions, Excellence Monsieur le Ministre de bien vouloir rehausser de votre Présence, cette triple Fête, régionale, pourrait-on dire, car sur les quinze secteurs de notre paroisse, 13 sont ressortissants de la Sous-préfecture de Gisagara, qui est toujours heureuse et fière de vous compter parmi les plus nobles de ses fils. Je fais remarquer, en passant, qu'en plus de ces motifs de co compatriote, il y a bien d'autres personnelles et très intimes, celles-là !!

En vous renouvelant à l'avance l'expression de notre très vive gratitude, nous vous prions d'agréer, Excellence Monsieur le Ministre, les assurances de notre très haute considération.

Abbé Grégoire Kamugisha.

PAROISSE GISAGARA

Ijambo ly'Uhagaraliye Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mu mihango yo kwizihiza umunsi mukuru w'abahowe Mungu b'i Buganda, umunsi w'Urubyiruko, n'umunsi wo guhashya ubujiji.
Ku Gisagara taliki ya 30 Kamena 1985.

---

Nyakubahwa .............
.............
.............

Ba militantes ba militants, ba kristu bavandimwe,

Twakereye twese kwizihiza umunsi mukuru w'abahowe Mungu w'abavandimwe bacu, abaturanyi b'i Buganda, umunsi w'urubyiruko n'umunsi wo kurwanya ubujiji.

Ibiroli nk'ibi ni iby'umunezero n'ibyishimo. Nyakubahwa Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative wagize imhamvu z'indi milimo yantumye kubashyikiliza indamutso ye ya kibyeyi kandi ya kivandimwe. Ni mugire amahoro. Ibyishimo byabuzuye imitima, bikabasesekara ku munwa, ngo murabisangiye. Yabifulije kubiranganwa iminsi yose, mukabikwiragiza no mu baturanyi banyu.

Kwishima mu mwanya nk'uyu, birakwiye; aliko Umunsi nk'uyu ntugomba guharirwa ibiroli by'umunezero gusa, ugomba kudutera akanyabugabo, tugasubiza amaso inyuma, tukibaza maze tugafata imigambi mishya. Turizihiza umunsi mukuru w'abitambiye ubukritsu bwabo, abavandimwe bacu b'i Buganda. Ubutwali bagaragaje bukwiye kutubera urugero rwiza, bukatuminjira mo agafu ko kuvugururura natwe ubukristu bwacu. Abihaye Imana, ababyeyi n'amwe abato mwakereye guhimbaza icyi gitaramo cy'ibyishimo mukagira umutima utuje, umutima wuje amahoro, umutima ucyeye kandi wuzuye urukundo, urwo rukundo ruzagaragalira mu kubiba umunezero mu bo tubana mu kubafasha, tukabagwa mu ntege mu byiciro byose by'ubuzima. Urukundo ni itegeko ly'uwo dutezeho umukiro nyakuli twese "Mukundane nk'uko nabakunze".

Ni umunsi kandi w'Urubyiruko. Ibiroli byo kuwutaramira bidufashe gusubiza amaso inyuma, turebe imigambi yateguriwe urwo rubyiruko kugirango rubyirukemo abana bahimbaje ababyeyi, bifashije kandi bazamura igihugu cyabareze aho igeze.

Ku ruhare rw'ababyeyi, hateye icyorezo kidakwiye; umwana yamara kugimbuka ngo yabaye rudakoreka, ugasanga ahagaze mu giti cy'icyali cy'inyoni. Abasokuruza bacu bareraga abana babo, bakabatoza ubutwali n'ubwitonzi, bavamo abagabo bagahabwa umunani, bakababafasha gushinga urwabo. Ndabasaba ko icyo gitsure cyahozeho, cyongera kigahabwa intebe, kigakaza umurego, ijisho lyiza ligahora ku mwana, akarererwa mu mulyango kugeza igihe azegurirwa urwe.

.../...

Urubyiruko rwacu ni rwinshi aliko ni rwiza. Ibibazo byo kurubonera akazi nabyo biragenda birushaho kwiyongera.
Bumwe mu buryo buzatuma dufasha abo bana kwirwanaho buzaturuka mu mashyirahamwe yabo. Ayo mashyirahamwe akibanda ku myuga yose ishobotse kandi ibabonera ikibatunga. Mboneye ho umwanya wo gushima no gushimira abagiraneza bose, ali abihaye Imana n'abandi bafite igitekerezo cya kibyeyi cyo gufasha urubyiruko kwibumbira hamwe, rugatonzwa umwuga wazarusonera. Ndabasaba kudatezuka ku ntego biyemeje, bagakaza umurego kugirango ayo mashyirahamwe arusheho kwiyongera, akore neza bihimbaje abayalimo. Muli uko gukora neza kw'amashyirahamwe hagomba kuboneka imilimo ishimishije, inama nziza zidahwema no gucunga neza umutungo w'ayo mashyirahamwe. Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayo izakomeza imijishi, ifashe uko ishoboye kose urwo rubyiruko kugirango rubashe kwirwanaho, rwitsura kandi rutsura amajyambere y'igihugu.

Igitaramo cy'uyu munsi cyilizihiza imilimo yo kurwanya ubujiji. Igihugu mwagishimye aho kibabaye. Mu by'ukuli, nta majyambere ashobora kugerwaho, mu gihe abantu bazaba bacyugalijwe n'umwijima w'ubujiji. Ndabashimira intambwe mumaze gutera mwigisha abatabizi gusoma no kwandika, kwisukura no gukoresha neza ibike dufite.
Aliko inzira iracyali ndende. Ndasaba rero abakuru n'abatoya bose kugana batishisha ibigo byabateganirijwe bikaba bigamije kujijura abaturage ubutitsa. Inyigisho zitangirwa muli ibyo bigo ni ingirakamaro, aliko zizarushaho kutwungura mu gihe tuzaba dukurikiza mu ngo zacu inama twahaherewe.

Nateruye ili jambo mbifuliza umunsi w'umunezero n'ibyishimo. Ndabifuliza gusakaza mu ngo zanyu, muli bagenzi banyu mwasize inyuma umutima mwiza wishimye kandi ukunze. Imihigo twinikije yo guhagurukira ubukristu bwacu, gukangukira ibikorwa by'amajyambere cyane cyane mu rubyiruko, guhashya ubujiji bukiturimo tuzayigirire bidatinze imyanzuro ihamye.

Ndashimira byimazeyo abagize igitekerezo cyiza cyo guteganya no gutegura ibi biroli. Ndashimira abigomwe imilimo yabo basanganywe, bakaza kwifatanya n'iyi Paroisse ya Gisagara kwizihiza uyu munsi.

Mbifulije mwese umunsi mwiza.

Murakoze, mugire amahoro.